**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 21 UKUBOZA 2018**

Kuwa gatanu tariki ya 21 Nzeli 2018 saa tanu n'iminota makumyabiri (11h20) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimihurura mu Karere ka Gasabo hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama:**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama BUCYANA André
6. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
7. Umujyanama GASANA Francis
8. Umujyanama GASHEGU NDARUHUTSE Bosco
9. Umujyanama KALEMA Gordon
10. Umujyanama KAMILI KAREGYE
11. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
12. Umujyanama KWIZERA KIVUYE Anitha
13. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
14. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
15. Umujyanama MUGABO Anne
16. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
17. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
18. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
19. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
20. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
21. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
22. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
23. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
24. Umujyanama RWIHUNDA Fred
25. Umujyanama ZIHIGA K.Faustin



Scanned by CamScanner

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
2. Umujyanama MUYOMBANO Aimé
3. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
4. Umujyanama UMUTONI Flora
5. Umujyanama UMUKUNZI Paul

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Bwana INGABIRE Augustin (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere);
2. Bwana KARAMUZI Godfrey (Umukozi w'Inama Njyanama);
3. Madamu NYIRABIHOGO Jeanne d'Arc (Umuyobozi w'ishami ry'ibiro by'ubutaka);
4. Bwana BAGARAGAZA Boniface (Umuyobozi w'ishami ry'igenamigambi);
5. Bwana RUSINE Alphonse (Umukozi wo mu ishami ry'ibiro by'ubutaka);
6. Madamu MUKESHIMANA Régine (Umukozi w'Inama Njyanama);

Mbere y'uko inama y'Inama Njyanama itangira imirimo yayo, habanje umuhango wo kurahiza Abajyanama batowe baje kuzuza umubare w'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, basimbura abari Abajyanama batorewe indi mirimo itabangikanwa no kuba Umujyanama mu Nama Njyanama.

Nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 156 y'itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ivuga ku irahira ry'abagize Inama Njyanama y'Akarere ko mu Mujyi wa Kigali, igika cyayo cya mbere kivuga ko Abagize Inama Njyanama y'Akarere ko mu Mujyi wa Kigali barahirira imbere y'Urukiko Rwisumbuye. Urukiko rukakira indahiro yabo.
Umuhango wo kurahiza Abajyanama batowe wayobowe na Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo Bwana UDAHEMUKA Adolphe afashijwe n'umwanditsi warwo madamu RAFIKI Emérence.

**Abajyanama barahiye ni aba bakurikira:**

1. Bwana GASHEGU NDARUHUTSE Bosco: Umujyanama Rusange uhagarariye Umurenge wa Nduba;
2. Bwana ZIHIGA K. Faustin: Umujyanama Rusange uhagarariye Umurenge wa Jali;
3. Bwana KALEMA Gordon: Umujyanama uhagarariye abantu bafite ubumuga;

Nyuma y'umuhango wo kurahira kw'Abajyanama batowe, hakurikiyeho igikorwa cyo gutora Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere usimbura uwari Umunyamabanga wayo Bwana KAREMERA Francis wasezeye mu Nama Njyanama kubera ko yatorewe indi mirimo.



Scanned by CamScanner

Komisiyo y'Igihugu y'amatora ihagarariwe na Bwana GAKWISI Leonidas yayoboye igikorwa cy'amatora, hatorwa Umujyanama TUYIZERE Marie Louise kuba Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'Inama Njyanama mu izina rye bwite n'iry'abagize Inama Njyanama yashimiye abayoboye ibikorwa byabanjirije imirimo y'Inama Njyanama, akomeza aha ikaze mu Nama Njyanama Abajyanama batowe. Abasaba kuzarangwa n'ubwitange n'umurava mu mirimo batorewe yo guhagararira abaturage, no kujya begera abo bahagarariye kugira ngo barusheho kumenya ibibazo byabo byakorerwa ubuvugizi no kubagezaho gahunda za Leta. Abamenyesha ko kandi abagize Inama Njyanama y'Akarere biteguye gufatanya nabo mu kuzuza inshingano batorewe.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Nyuma y'umuhango wo kurahiza Abajyanama batowe n'igikorwa cyo gutora Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, imirimo y'Inama Njyanama yatangiye abagize Inama Njyanama baririmba indirimbo y'Igihugu.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko mu gutegura ubutumire bw'Inama Njyanama abagize Biro bamaze gusanga ku munsi inama izateraniraho hateganyijwe igikorwa cy'amatora y'Umunyamabanga w'Inama Njyanama ndetse no kurahira kw'Abajyanama batowe, bashingiye ku ngano y'icyumba cy'inama cy'Akarere bemeza ko inama izateranira mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimihurura, ariko bikemezwa n'Inama Njyanama nk'uko biteganywa mu ngingo ya 42 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, igena iterana ry'Inama Njyanama, igika cya mbere kivuga ko: *Inama Njyanama iterana rimwe mu mezi atatu (3) mu nama isanzwe, ikabera ku biro by'urwego bireba cyangwa ahandi mu ifasi y'urwo rwego hemejwe n'Inama Njyanama bireba.*

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma umwanzuro wa Biro y'Inama Njyanama y'Akarere no kugezwaho ibikubiye mu itegeko N°87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo yaryo ya 42, bamaze kugezwaho kandi ibikubiye mu Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ingingo ya 53 ivuga ku iterana ry'inama z'Inama Njyanama zisanzwe, abagize Inama Njyanama bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 19.01.281**

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bemeje ko inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iteranira mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimihurura mu Karere ka Gasabo.



Scanned by CamScanner

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

Umuyobozi w'inama yakomeje abagezaho ingingo zateganyijwe ku murongo w'ibyigwa nk'uko bazigejejweho mu butumire, anabagezaho ubusabe bwa Komite Nyobozi y'Akarere bwo kuwa 19 Ukuboza 2018 yasabye ko mu ngingo zateganyijwe gusuzumwa hakongerwaho ingingo yo gusuzuma umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu Murenge wa Rutunga ahazubakwa Ikigo cy'Ubutore cya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ubusabe bwa Komite Nyobozi y'Akarere, bashingiye ku ngingo ya 21 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ivuga ku Itegurwa ry'ibijya ku murongo w'ibyigwa n'Inama Njyanama, igika cyayo cya 2 kivuga ko: *buri Mujyanama afite uburenganzira bwo kwandikisha ingingo ku murongo w'ibyigwa ariko akabikora nibura umunsi umwe mbere y'uko inama y'Inama Njyanama iterana;*

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku gihe cyagaragajwe Komite Nyobozi yasabiye kongera ingingo yo gusuzuma umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ahazubakwa Ikigo cy'Ubutore mu Murenge wa Rutunga kuziteganyijwe gusuzumwa, ku bwiganze burunduye bemeje ingingo zisuzumwa mu nama zikurikira:

**INGINGO ZASUZUMWE:**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye kuwa 30 Ugushyingo 2018;
2. Gusuzuma raporo y'ibikorwa n'imihigo by'Akarere igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019;
3. Gusuzuma Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere 2018-2019;
4. Gusuzuma ikibazo cya Bwana Ubalijoro Innocent;
5. Kuzuza abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
6. Gahunda yo gusura ibikorwa n'imihigo by'Akarere;
7. Gusuzuma umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ahazubakwa Ikigo cy'Ubutore mu Murenge wa Rutunga;

**<u>Ingingo ya mbere</u>; Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye kuwa 30 Ugushyingo 2018;**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 30 Ugushyingo 2018. Abagize Inama Njyanama bayikorera ubugororangingo, bagezwaho n'ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse asubiza kuri iyo myanzuro yemeza ko imyanzuro yafashwe muri iyo nama ikwiye gushyirwa mu bikorwa hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza.



Scanned by CamScanner

Abagize Inama Njyanama basaba abagize Komite Nyobozi y'Akarere kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe muri iyo nama.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inyandikomvugo, kuyikorera ubugororangingo bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°19.02.282**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye tariki 30 Ugushyingo 2018, yongewemo ubugororangingo bwatanzwe n'Abajyanama.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u>: Gusuzuma raporo y'ibikorwa n'imihigo by'Akarere igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019;**

**A. Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'Akarere igihembwe cya mbere;**

Ashingiye ku ngingo ya 130 y'Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, igena inshingano za Komite Nyobozi y'Akarere, agaka kayo ka 5 kavuga ko: *Komite Nyobozi y'Akarere ishinzwe gusuzuma raporo y'ibikorwa no kuyishyikiriza Inama Njyanama*;

Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya Umuyobozi w'Akarere kugira ngo ageze ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa byakozwe n'Akarere mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019.

Umuyobozi w'Akarere ageza kubagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa by'Akarere, yisegura ko raporo agiye kubagezaho igaragaza ibikorwa byakozwe kuva muri Nyakanga 2018 kugera muri Nzeli 2018 bityo hakaba hari ibikorwa bari bugaragarizwe bigaragaza impinduka kuri ubu.

Raporo y'ibikorwa by'Akarere ikubiyemo ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere, ibyakozwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere n'ibikorwa by'amashami na serivisi z'Akarere.

Mu bikorwa byakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, harimo Inama za Komisiyo, iza Biro, Inama y'Abaperezida n'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 21 Nzeli 2018. Muri iyo nama hafashwe imyanzuro 19 muri yo 17 yashyizwe mu bikorwa ingana na 89.5% naho imyanzuro 2 (No 17.13.265 na No 17.14.266) iracyashyirwa mubikorwa.

Imirimo ya Komite Nyobozi yakozwe hatangwa imirongo migari igamije ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta cyane cyane hibandwa ku mabwiriza y'inzego za Leta zikuriye Akarere, imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere, imyanzuro ya Komite Nyobozi y'Umujyi, hakurikiranwe kandi imirimo ikorerwa mu mashami mu rwego rwo kunoza imitangire ya serivisi kwihutisha no kugera ku ntego n'inshingano by'Akarere.



Scanned by CamScanner

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere n'iy'Imirenge yahizwe mu mwaka wa 2018/2019; Yakurikiranye iyakirwa ry'Imisoro n'Amahoro ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA); Yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari 2018-2019, imirimo y'Akanama gashinzwe gutanga amasoko n'imikorere ya ba Rwiyemezamirimo n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama zitandukanye irebana n'inshingano ze;

Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragarizwa mu ncamake ibikorwa byakozwe n'Akarere mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019, bunguranye ibitekerezo bashima ibikorwa byakozwe maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°19.03.283**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**B. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019**

Umuyobozi w'Akarere yakomeje ageza kubagize Inama Njyanama aho imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019 igeze ishyirwa mu bikorwa. Umuyobozi w'Akarere yibukije abagize Inama Njyanama imihigo y'Akarere ka Gasabo uko ari 73 anagaragaza aho igeze ishyirwa mu bikorwa kugera mu kwezi k'Ukuboza.

Yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko imihigo 73 yahizwe yagenewe ingengo y'imari ingana na miliyari icumi, miliyoni magana atanu n'enye, ibihumbi ijana na kimwe na mirongo itatu n'abiri by'amafaranga y'u Rwanda (Rwf 10,504,101,032).

Imihigo igabanyije mu nkingi eshatu za Guverinoma, ku buryo bukurikira: imihigo 24 ingana na 33% y'imihigo yahizwe iri mu nkingi y'Iterambere ry'ubukungu ikazatwara amafaranga 2,942,668,052, imihigo 35 ingana na 48% iri mu nkingi y'Iterambere ry'Imibereho myiza y'abaturage izatwara amafaranga 5,282,785,735 n'aho imihigo 14 ingana na 19 % iri mu nkingi y'Imiyoborere myiza n'ubutabera ikazatwara amafaranga 2,278,647,245.

Yagejeje ku bagize Inama Njyanama aho imihigo igeze ishyirwa mu bikorwa muri iki gihembwe cya kabiri, abigaragaza yifashishije amabara, asobanura ko umuhigo uri mu ibara ry'icyatsi uba wareshejwe ku kigereranyo kiri hagayi y'ijanisha rya 100 % na 75%, ibara ry'umuhondo hagati ya 75%na 50 % ku ijana naho ibara ry'umutuku ijanisha riri hagati ya 50 % na 0 %.

Mu mihigo 24 yo mu nkingi y'Iterambere ry'Ubukungu, 17 iri mu ibara ry'icyatsi, umuhigo umwe (1) uri mu ibara ry'umuhondo naho imihigo itatu (3) iri mu ibara ry'umutuku.

Mu nkingi y'Iterambere ry'Imibereho myiza y'abaturage mu mihigo 35, 16 iri mu ibara ry'icyatsi, imihigo 5 iri mu ibara ry'umuhondo naho imihigo 9 iri mu ibara ry'umutuku.



Scanned by CamScanner

Mu nkingi y'Imiyoborere Myiza n'ubutabera mu mihigo 14, imihigo 12 iri mu ibara ry'icyatsi, imihigo 2 iri mu ibara ry'umuhondo.

Muri rusange mu mihigo 73, imihigo 45 ingana na 69,2% iri mu ibara ry'icyatsi, imihigo 8 ingana na 12,3% iri mu ibara ry'umuhondo naho imihigo 12 ingana na 18,4% iri mu ibara ry'umutuku naho imihigo 8 izatangira gukorwa mu gihembwe cya gatatu.

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije abagize Inama Njyanama imbogamizi Akarere kahuye nazo zatumye imihigo imwe n'imwe iri mu ibara ry'umuhondo n'umutuku itareshejwe ku kigereranyo gishimishije.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya mbere n'icya kabiri cy'umwaka wa 2018-2019, bamaze kandi kugaragarizwa imbogamizi Akarere kahuye nazo zatumye katesa imihigo ku kigereranyo gishimishije nk'uko byari biteganyijwe, bagasanga nta ruhare Akarere kabigizemo, bunguranye ibitekerezo basaba ko Komite Nyobozi y'Akarere ikomeza ibiganiro n'inzego zifatanya n'Akarere imihigo imwe n'imwe kugira ngo harebwe icyakorwa kugira ngo imihigo izeswe uko yahizwe.

Abagize Inama Njyanama kandi bibukije ko hatakwibandwa gusa mu bikorwa by'imihigo ko n'ibikorwa byateganyijwe muri hagunda y'ibikorwa nabyo byashyirwamo imbaraga mu gushyirwa mu bikorwa.

**Umwanzuro N°19.04.284**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019, isaba Komite Nyobozi y'Akarere gushyira imbaraga mu mihigo igaragara ko ikiri ku kigereranyo cyo hasi.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

<u>**Ingingo ya gatatu**</u>: **Gusuzuma Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019;**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ageza ku Nama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo yabwiye abagize Inama Njyanama ko nk'uko biteganywa n'Itegeko N0 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 135 ivuga ku Nshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere agaka ka 17 kavuga ko *Umunyamabanga Nshingwabikorwa asobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama*, yateguye raporo ageza ku bagize Inama Njyanama



Scanned by CamScanner

y'uburyo ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019 yakoreshejwe;

Agaragaza uburyo amafaranga yinjiye, ibyo yakoreshejwe, n'aho gahunda y'itangwa ry'amasoko igeze.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yatangiye yibutsa imiterere y'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019 yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ko ingana n'amafaranga y'u Rwanda 25,718,289,182Frw, muri ayo mafaranga ayagombaga guturuka mu butegetsi Bwite bwa Leta ni amafaranga y'u Rwanda 12,665,397,722Frw angana na 49 % naho ayagombaga kuzinjizwa n'Akarere ubwako angana n'amafaranga y'u Rwanda 12,251,247,537 Frw angana na 48% amafaranga angana na 801,643,923 Frw bingana na 3% yari kuri konti y'Akarere hasozwa umwaka w'ingengo y'imari 2017-2018.

Ku birebana n'imyinjirize y'imari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko mu gihembwe cya mbere amafaranga yagombaga kwinjizwa n'Akarere ubwako (own revenues), igihembwe cya mbere cyarangiye hamaze kwinjira agera kuri 1,191,913,670 frs kuri 1,130,305,229 yari ateganyijwe bingana na 105%.

Yagaragaje kandi uburyo amafaranga yinjizwa n'Akarere yinjiye kuva muri Nyakanga 2018 kugeza m'Ukuboza 2018, asobanura ko ku mafaranga 3,554,368,495 yagombaga kwinjira hinjiye agera kuri 2,676,158,836 frs bihwanye na 75.2%. Naho ku mafaranga aturuka mu Butegetsi Bwite bwa Leta (earmarked transfers), ku mafaranga 673,150,209 Frw yari ateganyijwe kwinjira mu gihembwe cya mbere ayinjiye ari amafaranga y'u Rwanda 333,650,943 Frw bihwanye na 49.6%.

Ikinyuranyo cy'amafaranga angana 339,499,266 Frw atarinjiye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko byatewe n'uko hari amafaranga yasabwe muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ariko igihembwe cya mbere kikarangira ataratangwa, ariko akaba yaratanzwe mu gihembwe cya kabiri.

Ku birebana n'uburyo amafaranga yinjiye yakoreshejwe, hasobanuwe ko igihembwe cya mbere cyarangiye hamaze gukoreshwa amafaranga y'u Rwanda angana na 2,805,093,237 kuri 25,718,289,182Frw y'ingengo y'imari yose, ikigereranyo cy'ijanisha yayakoreshejwe kikaba kingana na 10.55%, asobanura ko ariko kugeza ku itariki 20 Ukuboza hari hamaze gukoreshwa angana 5,975,522,219 kuri 25,718,289,182 Frw bingana na 23%.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere agaragaza ko imikoreshereze y'ingengo y'imari ikomeje kuba hasi ugereranyije n'ingengo y'imari yose kuko n'amafaranga yinjiye ari makeya kandi akoreshwa hakurikijwe uko yinjiye, ariko agaragaza ko hari icyizere ko izazamuka kuko amafaranga menshi yinjira mu gihembwe cya kabiri n'icya gatatu.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragarije kandi abagize Inama Njyanama ingamba Akarere kihaye kugira ngo amafaranga yagomba kwinjira yinjizwe zirimo ubukangurambaga mu nama zitandukanye zihuza Abayobozi n'abaturage n'ubukangurambaga mu



JMB

Scanned by CamScanner

Tugari twose tugize Akarere ka Gasabo, mu muganda, hanakozwe icyumweru cyahariwe imisoro (tax week), gukangurira abaturage kwishyura imisoro hifashishijwe itangazamakuru.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragarije abagize Inama Njyanama aho amasoko ageze atangwa, agaragaza ko mu masoko 62 ateganyijwe gutangwa muri uyu mwaka, amasoko 45 yamaze gutangwa, amasoko 11 ari mu nzira zo gutangwa naho amasoko 6 ntaratangira gutangwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere amaze kugaragariza abagize Inama Njyanama uko ingengo y'imari y'Akarere mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019 yakoreshejwe, nyuma kandi yo kugaragaza ingamba Akarere kihaye kugira ngo amafaranga yateganyijwe kwinjizwa n'Akarere muri uyu mwaka azinjire uko yateganyijwe, yasabye Inama Njyanama ko yakwemeza raporo yabagejejeho.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere raporo igaragaza uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo yakoreshejwe kuva tariki ya 01 Nyakanga 2018 kugeza ku wa 30 Nzeli 2018, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°19.05.285**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kane</u>: Gusuzuma ikibazo cya Bwana Ubalijoro Innocent;**

Kuri iyi ngingo Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ko Bwana Ubalijoro Innocent yandikiye Inama Njyanama asaba kurengenurwa agahabwa ingurane y'ubutaka bwe buherereye mu Murenge wa Jabana Akagari k'Akamatamu, bwubakiwemo abatishoboye ntahabwe ingurane yabwo. Biro y'Inama Njyanama igashyikiriza iki kibazo Komisiyo y'Imiyoborere Myiza kugira ngo igisuzume.

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ahabwa umwanya kugira ngo ageze ku bagize Inama Njyanama raporo irambuye igaragaza uko abagize Komisiyo basuzumye ikibazo Bwana Ubalijoro Innocent wari warandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama.

Perezida wa Komisiyo yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko abagize Komisiyo mu gusuzuma ikibazo cya Bwana Ubalijoro Innocent bagiye kugikemurira mu Nteko y'abaturage ahaherereye isambu Ubalijoro yavugaga ko yambuwe. Asobanura ko abagize Komisiyo bitabiriye Inteko y'abaturage y'Akagari k'Akamatamu Umurenge wa Jabana yo ku wa 27 Ukwakira 2018, ikibazo nticyakemuka kuko abaturage bagaragaje ko aho avuga ko yari isambu ye yari yarahagurishije kandi ko umuryango we ubizi n'abahaguze barabyemeza. Abagize Komisiyo



JB

Scanned by CamScanner

batumiye umuryango w'Ubalijoro yavugaga ko bitabye Imana ariko abaturage bakemeza ko bakiriho ahubwo ko bimutse aho bari batuye.
Mu Nteko y'abaturage yo kuwa 27 Ugushyingo 2018 umuryango w'Ubalijoro ugizwe na Mukamana Donatha (mushiki w'Ubalijoro), na Adella (muka se w'Ubalijoro) basobanuye imiterere y'isambu yabo n'uko bari barahawe imigabane.
Uwahoze ari Konseye wa Segiteri Jabana Bwana Munyemana Emmanuel, n'abari mu Nteko y'abaturage batanze ubuhamya bw'uko ibibazo by'umuryango wa Habyarimana (se w'Ubalijoro) by'amasambu byarakemutse;

Abagize Komisiyo n'abaturage bitabiriye inteko zavuzwe haruguru, bakaba barasanze Bwana Ubalijoro Innocent atarambuwe isambu nk'uko yabigaragaje mu ibaruwa yanditse kuko yari yarayigurishije nk'uko byagaragajwe n'abayiguze.

Perezida wa Komisiyo asoza asaba Inama Njyanama gusesengura imyanzuro ya Komisiyo no kwemeza raporo ya Komisiyo yasuzumye ikibazo cya bwana Ubalijoro Innocent.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo irambuye ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasuzumye ikibazo cya Bwana Ubalijoro Innocent wandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kurenganurwa agahabwa ingurane y'isambu yavugaga ko ariye iherereye mu Murenge wa Jabana, Akagari k'Akamatamu yubatswemo imidugudu y'abatishoboye ntahabwe ingurane yayo;
Abagize Inama Njyanama bamaze gusanga Komisiyo yarasuzumiye ikibazo aho cyabereye igahabwa ubuhamya n'abagize umuryango wa Bwana Ubalijoro n'abahoze ari abayobozi muri uwo Murenge bari bazi neza icyo kibazo, abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo maze bafata imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N°19.06.286**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yakiriye kandi yemeza raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere y'Inama Njyanama y'Akarere yasuzumye ikibazo cya Bwana Ubalijoro Innocent imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro N°19.07.287**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Bwana UBALIJORO Innocent ntakarengane yagiriwe kuko isambu ye yavugaga ko yubakiwemo abatishoboye ntahabwe ingurane yayo yari yarayigurishije.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.



Scanned by CamScanner

**Ingingo ya gatanu: Kuzuza abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko umubare wa ngombwa w'abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere utuzuye kubera ko Bwana MUSSOLLINI Eugene na Bwana ZIHIGA K. Faustin bari mu bayigize bari barasezeye mu mirimo y'Inama Njyanama ntibasimburwe muri Komite Ngenzuzi. Amenyesha abagize Inama Njyanama ko Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere ka Gasabo ubu igizwe n'Abajyanama batatu muri batanu aribo Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose, Umujyanama UMUKUNZI Paul n'Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah.

Umuyobozi w'Inama Njyanama kandi yamenyesheje abitabiriye inama ko Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah yamenyesheje Biro y'Inama Njyanama ko kubera akazi kenshi afite muri iyi minsi bitamworohera kuboneka mubikorwa by'abagize Komite Ngenzuzi akaba yarasabye ko yazasimburwa mubayigize.

Umuyobozi w'inama akomeza ageza kubagize Inama Njyanama umwanzuro w'Inama y'Abaperezida wemezaga Abajyanama bashyirwa muri Komite Nzuzuzi, asobanura ko mu guhitamo abajya muri Komite Ngenzuzi abagize Inama y'Abaperezida bashingiye ku biteganyijwe mu Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza yerekeye imicungire y'imari ya Leta ndetse no ku Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku mwanzuro w'inama y'Abaperezida wemezaga by'agateganyo Abajyanama buzuza abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;

Bashingiye kandi ku ngingo ya 124 y'Iteka rya Minisitiri N° 001/16/10/TC ryo ku wa 26/01/2016 rishyiraho amabwiriza yerekeye imari igika cya mbere kigena ko : Urwego rufata ibyemezo rw'Ikigo cya Leta rushyiraho Komite y'Ubugenzuzi nk'imwe muri komite zirugize;
Bashingiye nanone ku ngingo ya 52 y'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage igena ishyirwaho, imiterere n'imikorere bya Komite Ngenzuzi, igika cya mbere kivuga ko Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'iy'Akarere zitoramo abagize Komite Ngenzuzi;
Abagize Inama Njyanama bashingiye ku mpamvu zavuzwe haruguru, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°19.08.288**

Inama Njyanama y'Akarere yemeje ubusabe bw'Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah wasabye gusezera mubagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere ka Gasabo; yemeza kandi ko Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour, Umujyanama ZIHIGA K.Faustin n'Umujyanama UMUTONI Flora buzuza abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere ka Gasabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.



Scanned by CamScanner

**<u>Ingingo ya gatandatu</u>: Gahunda yo gusura ibikorwa n'imihigo by'Akarere;**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko hateguwe gahunda y'abagize Inama Njyanama yo gusura imihigo y'Akarere kugira ngo hasuzumwe aho igeze ishyirwa mu bikorwa. Asobanura ko iyo gahunda iteganyijwe muri Mutarama 2019.
Abagize Inama Njyanama y'Akarere bashingiye ku ngingo ya 125 y'Itegeko N°87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, igena inshingano z'Inama Njyanama y'Akarere, agaka kayo ka 4 kavuga ko: *Inama Njyanama ishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda na politiki za Leta*; *agaka ka 10 kavuga ko Inama Njyanama y'Akarere igenzura ibikorwa by'Akarere;*
Abagize Inama Njyanama bashingiye kandi kuri gahunda y'ibikorwa by'Inama Njyanama y'umwaka w'i 2018-2019 bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°19.09.289**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'abagize Inama Njyanama y'Akarere yo gusura ibikorwa by'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018-2019, isurwa rikazakorwa kuwa kane tariki 17 Mutarama 2019 kuva saa mbiri n'igice za mu gitondo (8h30).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya karindwi</u>: Gusuzuma umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ahazubakwa Ikigo cy'Ubutore mu Murenge wa Rutunga;**

Kuri iyi ngingo Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza kubitabiriye inama isobanurampamvu ry'umushinga wo kwimura abaturage batuye mu Murenge wa Rutunga mu Tugari twa Gasabo n'Indatemwa.

Umuyobozi w'Akarere yasobanuye mu buryo burambuye impamvu y'uwo mushinga, avuga ko Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ishingiye ku mateka yaranze u Rwanda rwo hambere no ku nkomoko y'u Rwanda ny'iri zina yasanze amwe mu mateka n'ibimenyetso birimo ibigabiro by'umwami bigaragara mu Murenge wa Rutunga, mu Kagari ka Gasabo n'Akagari k'Indatemwa akaba yarasabye ko Akarere kafasha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero kubona ubutaka bwazubakwaho Ikigo cy'Ubutore muri uwo Murenge.

Umuyobozi w'Akarere amenyesha abagize Inama Njyanama ko Komite Nyobozi yasuzumye icyifuzo cya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero n'imyanzuro yafashwe mu nama zitandukanye, ikaba yarateguye umushinga isaba Inama Njyanama gusuzuma.

Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ko mu gutegura uyu mushinga kandi hanitawe kubyo igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali cyateganyije gukorerwa kuri ubwo butaka, aribyo: imyidagaduro (P1), ubucuruzi (C1) ndetse n'imiturire (R1A).



Scanned by CamScanner

Umuyobozi w'Akarere kandi yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko hakurikijwe ibikorwa biteganyijwe kuzahakorerwa, hakenewe ubutaka buri k'ubuso bungana na hegitari mirongo ine n'icyenda n'ibice umunani (49,8ha). Abaturage bahatuye bakaba baraganirijwe k'umushinga ugiye kuzahakorerwa bakawishimira kuko uzabafasha kuzamura iterambere ry'Umurenge wabo uri mu gice cy'inkengero z'Umujyi.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma isobanurampamvu k'umushinga wo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu Murenge wa Rutunga mu Tugari twa Gasabo n'Indatemwa ahazubakwa Ikigo cy'Ubutore cya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, bamaze gusanga kandi ariho habereye uwo mushinga kubera ko hari bimwe mu bimenyetso ndangamateka; Bagasanga kandi abaturage bahatuye baraganirijwe kuri uwo mushinga bakawishimira;

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma ibiteganywa mu ngingo ya 5 y'itegeko N°32/2015 ryo kuwa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange igena urutonde rw'ibikorwa by'inyungu rusange, agaka ka 16 kavuga ko inyubako z'Inzego z'Ubuyobozi bwa Leta n'ibigo byayo ari ibikorwa by'inyungu rusange, bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°19.10.290**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku Itegeko N°32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo yaryo ya 5 igaragaza urutonde rw'ibikorwa by'inyungu rusange, agaka ka 16, yemeje ko umushinga wo kubaka Ikigo cy'Ubutore mu Murenge wa Rutunga, mu Tugari twa Gasabo n'Indatemwa, ku butaka bufite ubuso bwa hegitari mirongo ine n'icyenda n'ibice umunani (49.8 ha) ari igikorwa cy'inyungu rusange, isaba ko abaturage batuye ahazakorerwa umushinga bazahabwa ingurane ihwanye n'igenagaciro rizakorerwa kuri ubwo butaka.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

Asoza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yongeye gushimira abayitabiriye. Inama Njyanama yari yatangiye imirimo yayo saa tanu n'iminota makumyabiri (11h20) yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'iminota icumi z'umugoroba (18h10).

Bikorewe i Gasabo, kuwa 21 Ukuboza 2018

<u>Umwanditsi w'inama</u>:

**TUYIZERE Marie Louise**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

<u>Umuyobozi w'inama</u>:

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo



Scanned by CamScanner